

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



INTUMWA Z'UMURYANGO COMMONWEALTH ZASUYE IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YEMEWE MU RWANDA.



Tariki ya **12 Kamena 2026**, intumwa z'Umuryango Commonwealth, ziyobowe n'Umunyamabanga Mukuru wawo, **Hon. Shirley Botchwey** zasuye Ihuriro, ziganira n'ubuyobozi bwaryo. Izi ntumwa zaganiriyeye ku mikorere y'Ihuriro, Inzego zaryo n'uburyo ziteza imbere demokarasi y'ubwumvikane.



Umuvugizi w'Ihuriro, **Hon. Senateri Dr. Habineza Frank**, yasobanuriye izi ntumwa ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urwego ruteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu ngingo yaryo ya 59.

Ihuriro rikaba rifite inshingano zo guteza imbere ibiganiri bya politiki, guteza imbere demokarasi y'ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Yagaragaje ko mu mikorere yaryo, Imitwe ya Politiki igize Ihuriro irangwa no kujya inama kenshi, koroherana, ikirinda amakimbirane ya politiki, igatanga inama ku bibazo biremereye Igihugu. Imitwe ya Politiki ikora ku buryo inyungu z'Igihugu ziza imbere y'inyungu z'Umutwe wa politiki n'iz'umuntu ku giti.

Ikindi yasobanuriye aba bashyitsi ni uko mu Ihuriro hubahirizwa ihame ryo gusangira ubutegetsi, Imitwe ya Politiki ikaba isimbura na ku buyobozi bw'Ihuriro, kandi yose igafatwa kimwe.

Mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki, abayobozi n'abayoboke bayo, Umuvugizi w'Ihuriro yavuze ko Ihuriro rishyira imbaraga mu kwigisha uruburiko rwo mu Mitwe ya Politiki kuko ari rwo

bayobozi ba none n'ejo hazaza. Ikindi ni uko Ihuriro ryubaka ubushobozi bw'abagore aho bategurirwa amahugurwa ku bumenyi mu bya politiki n'imiyoborere, bikabafasha kwitabira ibikorwa bya politiki no guhatanira kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo.



Umunyamabanga Mukuru wa Commonwealth **Hon. Shirley Botchwey** n'intumwa yari ayoboye, bashimye imiterere n'imikorere ya sisiteme politiki y'u Rwanda, kuko ishyira imbere ubworoherane n'ubwumvikane muri politiki. Bashimye ko abagore n'uruburiko bahabwa umwanya ukwiye mu miyoborere y'Igihugu.

Yasanze imikorere nk'iyi y'Imitwe ya Politiki mu Rwanda ikwiye kugera no mu bindi bihugu by'uyu muryango bitaragera ku ntambwe ishimishije mu rwego rwa demokarasi ituma haboneka amahoro n'ituzwe mu bihugu byabo.

INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YAGANIRIYE KURI POLITIKI Y'IGIHUGU YO GUTEZA IMBERE UBWENGE BUHANGANO.



Inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye tariki ya 18 Kamena 2026, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro **Hon. Senateri Dr. HABINEZA Frank**. Inama yabereye ku cyicaro cy'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Muri iyi nama abayobozi b'imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda baganiriyeye kuri **"politiki y'igihugu yo guteza imbere**

ubwenge buhangano: ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba.

Ikiganiro cyatanze na Minisitiri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (**MINICT**). Muri iki kiganiro, Umunyamabanga Uhoro muri iyi Minisitiri, **Bwana RURANGWA Eraste**, wari uhagarariye Minisitiri, yagaragaje ko mu mwaka wa 2023, Leta y'u Rwanda yemeje Politiki y'Igihugu y'ubwenge buhangano.



Bwana RURANGWA Eraste

Yakomeje agaragaza ko icyerekezo cy'u Rwanda muri uru rwego ari uko rugomba kuba urwa mbere muri sosiyete zikoresha ubwenge buhangano muri Afurika.

Hagaragajwe ko politiki y'Igihugu y'ubwenge buhangano yubakiye ku nkingi esheshatu (6) zikurikira:

1. kugira ubumenyi buhagije ku ikoresha ry'ubwenge buhangano;
2. kugira ibikorwa remezo byizewe mu ikoresha ry'ubwenge buhangano;
3. kugira amakuru ahagije, y'ukuri kandi abitse neza;
4. gukoresha ubwenge buhangano mu nzego za Leta;
5. kwagura ikoresha ry'ubwenge buhangano mu nzego z'abikorera;
6. kugira amahame n'imirongo ngenderwaho mu mikoreshereze y'ubwenge buhangano.

Bwana RURANGWA Eraste yagaragaje ko hashyizweho amategeko afasha mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'Igihugu yo guteza imbere ubwenge buhangano, arimo:

- Itegeko no 058/2021 ryo kuwa 15 Ukwakira 2021 ryerekeye kurinda amakuru bwite n'imibereho bwite by'umuntu;
- Inyandiko ngenderwaho yateguwe n'u Rwanda n'Igihugu cya SINGAPORE mu mwaka wa 2024 yifashishwa mu gukoresha ubwenge buhangano mu bukungu n'imibereho myiza;
- Politiki y'Igihugu yo guhanahana amakuru, yemejwe muri Gicurasi 2025;
- Imirongo ngenderwaho igamije iterambere ry'ubwenge buhangano.

Umunyamabanga Uhoraho muri **MINICT**, yavuze ko ikoresheya ry'ubwenge buhangano rizafasha mu kuzamura umusaruro mbumbe w'Igihugu ukagera kuri miliyoni 589 z'amadolari y'Amerika mu mwaka wa 2030. Yerekanye ko ubwenge buhangano buzakoresheya mu ngeri zitandukanye z'ubuzima bw'Igihugu: ubuhinzi, uburezi, ubuvuzi, mu nzego za Leta, ubukorikori, mu rwego rw'imari, ubwubatsi, mu bucuruzi, itumanaho n'isakazamakuru rikoresheya ikoranabuhanga, ubwikorezi, ububiko bw'ibintu, n'ibindi.

Hagaragajwe ko mu rwego rw'ubuhinzi, Leta y'u Rwanda yatangiye kureba uko ubwenge buhangano bwakoresheya **mu buhinzi**, hagamijwe kuzamura umusaruro (nko gukoresheya neza ifumbire ndetse n'amazi, ..).

Ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano ryitwa **Tunga Chatbot, (AI Famer Advisory IVR)** ni umushinga ukorera muri MINAGRI, ukora buri munsu amasaha yose (24) ugatanga inama zirebana n'ubuhinzi. Iri koranabuhanga ryatangiriye mu Turere 10, rikorana n'abahinzi 500, rikaba ryarafashije gukumura ibibazo bisaga 800, kandi 60% by'ibisubizo byatanze kuri ibyo bibazo byatanze n'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano. Muri iki gihe imbaraga ziri gushyirwa mu kwagura umushinga, no gushyira amakuru yo mu buhinzi yizewe muri sisiteme, no kongera ubufasha ku bahinzi.

Umushinga wa **Crop Types Mapping**, watangiriye mu Karere ka Nyagatare, Musanze, Ruhango, na Nyabihu, ukoresheya ubwenge buhangano mu kureba imbuto ziberanye na buri Karere mu gutanga umusaruro mwinshi. Bikaba byitezwe ko iri koranabuhanga rizafasha mu gukora igenamigambi ry'ubuhinzi, kugaragaza ibihingwa biberanye na buri gace k'ubuhinzi, kwagura serivisi zo mu buhinzi, kwihaza mu biribwa, no gufata ibyemezo byo mu buhinzi bishingiye ku mibare nyayo.

Mu rwego rw'ubuvuzi, ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano ryitwa **Decision support for CHWs**, rizafasha muri gahunda zikoresheya n'abajyanama b'ubuzima, nko kwita ku buzima bw'ababyeyi, kugira inama abaturage ku birebana no kwita ku buzima, no kubohereza ku nzego z'ubuvuzi zisumbuye. Ibi bikazafasha mu gutanga serivisi nziza mu buvuzi no kugabanya ubwinshi bw'abarwayi ku baganga.

Mu rwego rw'uburezi, ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano ryitwa **RAISE** rizafasha mu gukumura ibibazo birebana n'ubucucike bw'abana mu mashuri, gufasha abanyeshuri gusubiramo amasomo yabo, gufasha abarezi gutegura no gukosora ibizamini. Iri koranabuhanga ryatangiriye mu bigo by'amashuri 14 mu Turere 7 hirya no

hino mu Gihugu, rikaba rimaze kugera ku banyeshuri 5,408 n'abarimu 107.



Ku birebana n'**imbogamizi** mu ikoresheya ry'ubwenge buhangano, hagaragajwe zimwe muri zo zikurikira:

- mu Rwanda, ibigo bikoresheya ubwenge buhangano ni bicye cyane;
 - kutagira ubumenyi buhagije ku mikoresheze myiza y'ubwenge buhangano;
 - kutagira amakuru ahagije kandi ateguye neza;
 - kuba nta makuru ahagije ahari y'ubwenge buhangano ateguye mu kinyarwanda;
- kuba hari abakoresheya nabi ubwenge buhangano mu bintu byinshi binyuranye, bigatuma hari abatitabira kurigiraho ubumenyi no kurikoresheya.

Hari kandi **impungenge** z'uko:

- ubwenge buhangano bushobora gutanga amakuru atariyo ndetse rikaba ryagaragara nk'irivangura. Ibi bishingira ko iri koranabuhanga akenshi rihera ku makuru ahari ya cyera, rikaba ryagaragaza amakuru atariyo arebana n'imibereho, ubukungu, cyangwa imyaka n'ibyiciro by'abantu. Nko mu gihe ikoranabuhanga iri n'iri ryaba ryaratojwe hashingiwe ku bwoko ubu n'ubu cyangwa Igihugu runaka, rishobora kutakirwa neza n'abaturage bandi bumva ko ryababasiye;
- mu rwego rw'imibereho n'ubukungu, ubwenge buhangano bushobora gusimbura abantu ku mirimo imwe n'imwe bakoraga, nko mu nganda, gutanga serivisi, ubwikorezi, bikaba byatuma nk'abantu binjizaga amakuru muri mudasobwa, abakora imirimo imwe n'imwe batazaza akazi;
- hari abakoresheya nabi ubwenge buhangano mu gukwirakwiza amakuru y'ibihaha, gukora ibitero by'ikoranabuhanga n'ibindi;
- hari kandi n'impungenge z'uwaryozwa amakuru yagira ingaruka mbi ku muntu, hagati y'uwakoze iryo koranabuhanga ry'ubwenge buhangano ndetse n'urwego cyangwa ikigo cyatanze amakuru yagize

ingaruka ku buzima bw'umuntu (nko mu rwego rw'ubuvuzi).

Mu guhangana n'ibibazo cyangwa impungenge bigaragara mu gukoresheya ubwenge buhangano, hagaragajwe ibi bikurikira (**ingamba**):

- gukora ku buryo ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano ritegurwa kandi rigatorezwa ku bihari mu gihugu cyangwa aho rizakoresheya kandi hakoreshejwe amakuru yo ku rwego rwo hejuru;
 - gukomeza kongera ubumenyi bw'abakozi binyuze muri gahunda z'amahugurwa ku bwenge buhangano;
 - imirongo ngenderwaho mu ikoresheya ry'ubwenge buhangano iri kuvugururwa na **MINIJUST** kugira ngo irusheho gufasha muri uru rwego, no gutanga ibisubizo bikwiye ku bibazo bigaragara mu ikoresheya ry'ubwenge buhangano;
 - ikindi ni uko u Rwanda ruzakomeza kwitabira no kugira uruhare mu biganiriro mpuzamahanga ku mutekano w'ubwenge buhangano. Hari kandi gusangira ubumenyi n'ibindi bihugu no gufatanya nabyo mu guhangana n'ibibazo bituruka ku gukoresheya nabi ubwenge buhangano;
 - U Rwanda ruzakomeza gukora ku buryo ubwenge buhangano bushobora gusobanurwa, kandi hakabaho uburyo bwo gukora isuzuma ku byemezo bifatwa hakoreshejwe ubwenge buhangano;
 - Mu nzego zose cyane izikora ku buzima bw'abantu bisaba kwitonda mu ikoresheya ry'ubwenge buhangano nko mu buvuzi, abantu bakumva ko ubwenge buhangano ari ubwunganira, atari bwo bufata icyemezo cya nyuma, bivuze ko umuntu ari we ugomba kugenzura byose, agafata ibyemezo bikwiye, mu gihe gikwiye.
- Intumwa za **MINICT** zasoje ikiganiriro zigaragaza ko ubwenge buhangano bukoreshwa muri iki gihe mu buvuzi, mu buhinzi, mu burezi no mu bindi, ko kandi umusaruro ugaragara.
- Kugira ngo uwo musaruro ukomeze ugerweho, bisaba gushora imari mu bikorwaremezo bikoresheya mu bwenge buhangano, kuko kugira ubumenyi n'amakuru akenerwa ari ingenzi. Ikindi ni ugukomeza guhangana n'ibibazo n'impungenge bigaragara mu ikoresheya ry'ubwenge buhangano (nko kutagirirwa icyizere, gukwiza amakuru atari yo, gutuma abantu babura imirimo, n'ibindi).